K0210731



| | | |
|---|---|---|
| ***IDENTIFICATION*** | **:** | ***RTLM/66 0040 02/07/94*** |
| ***DURÉE*** | **:** | ***90 minutes*** |
| ***QUALITÉ*** | **:** | ***Bonne*** |
| ***TRANSMISSION*** | **:** | ***Radio RTLM*** |
| ***NOM DU FICHIER*** | **:** | ***RTLM 0040*** |
| ***DATE DE TRANSCRIPTION*** | **:** | ***Le 22/04/2000*** |
| ***NOM DU TRANSCRIPTEUR*** | **:** | ***MUSHONGANONO Béatrice*** |
| ***DICTAPHONE*** | **:** | ***BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565*** |

---

***Cassette N° 0040 transcrite par MB.***

K0210732



Ugandais...

**FACE A**

***00min01sec***

***ORATEUR: HABIMANA Kantano:***

... kuramba ni ukuramuka, bavandimwe abaramutse mwese mwese turabashuhuje, Abanyaruhengeli, Abanyabyumba, Abanyakibungo, Abanyabugesera, Abanyagitarama, Abanyabutare mwese mwese turabushuhuje, ari abari mu buhungiro hano mu gihugu, ara... bo mu mapre... muri ayo maperefegitire bari mu mahanga muri Uganda, muri Tanzaniya, muri Zayire, mu Burundi abo bose ntabwo tubibagirwa kuko muri Abanyarwanda rwose nk'abandi kandi n'abo mu yandi Maperefegitira ataragezemo intambara, ariko rero intambara y'Inyenzi mumenye yuko ari urudaca, ari rwiziringa, ni ukuvuga rero yuko yageze mu gihugu cyose.

Mwese mwese Abanyarwanda mwese turabashuhuje, kuri uyu wa gatandatu, itariki ya kabiri z'ukwezi kwa karindwi mirongo cyenda na kane. Hinga dusuhuze a... baziraguhunga bose, abaziraguhunga bose aho bari hose mu maperefegitire ayo ari yo yose, ari abari i Kigali, ari abari i Gitarama, ari abari i Butare, ari abari mu Bugesera, ari abari i Byumba i Kibungo, ari abari mu Ruhengeri abaziraguhunga bose bose, aho bari hose turabashuhuje. Hinga dusuhuze n'abantu bakora uturimo twabo duto, hum, mbanze nsuhuze abanyururu, abanyururu hano mu... mu... hano i Kigali hasigaye abanyururu batarenga makumyabiri gusa, makumyabiri gusa, abo banyururu rero bagiye bakora imirimo myinshi inyuranye rwose turabashima iyo tubabona bari mu kimodoka birukanka bakora ibintu byinshi binyuranye muri uyu mujyi kandi ari makumyabiri gusa, abo bose ni ukuba... suhuza. Turasuhuza abantu bose bari ku... kazi kabo gato gato bagira ngo barebe ko ubuzima bwa... bwashobora gukomeza kugenda. Ndasuhuza aba... kozi bo kwa... muvandimwe wari mukeba akiyoborwa n'ibyitso, Hum!

Ariko se Dir. ORINFOR bite aba he ko nta kajwi ke? Hum! Hinga dusuhuze na... ba kimyozi,

K0210733



abogoshi, abogoshi batumye mu by'ukuri mu mujyi wa Kigali abantu bacya hum! Abantu bacya ugasanga abantu umusatsi uraconze neza ndetse n'abiyogoshesha penke bakiyogoshesha, hanyuma ugasanga baturinda kugira ibisatsi bisa n'iby'Inkotanyi n'ibyanwa bisa n'iby'Inkotanyi, kuko iyo urebye Inkotanyi ubu ngubu ibyanwa byazo n'ibisatsi wagira ngo nyine byuzuyemo inda ku buryo ubona ari ibisimba, cyakora koko ni ibisimba.

Hinga dusuru... du... dusuhuze abacuruza utuntu twose mu isoko, abacuruza utuntu twose mu isoko nonaha rero Inyenzi-Inkotanyi na none zirongeye nyine, bene Kagome barongeye bagaritse ingogo mu isoko, bene Kagome barongeye bagaritse ingogo mu isoko, bariya bantu ndakeka yuko na... hari abantu kera iyo bajyaga kuvuga umugome cyane, bavugaga yuko ari umurozi w'ibisebe, ariko Inkotanyi ntabwo zikiri n'abagome cyangwa abarozi b'ibisebe, na... ni... ni... na... ni ibisebe sinzi mbese ntawamenya ukuntu yabivuga, na none rero nonaha mu isoko Inkotanyi ziteyemwo ibisasu bine byose ni uko hapfa abantu benshi benshi batagira ingano abandi barakomeretse, mu by'ukuri rero ibyo bintu birenze ubwenge, ubugome bw'Inkotanyi burenze ubwenge.

Hinga dusuhuze ariko abo bantu bose baba bagira ngo bacuruze utuntu barebe yuko ibintu bya... genda, aa... ubuzima bugakomeza, abizaniye utu... jumba, abiza... abacururiza udushu, utunyanya iki bagira ngo ubuzima bugende ariko Inyenzi-Inkotanyi ntabwo zishaka ko ubuzima bugenda mbese zirashaka guhagarika ubuzimba bwose muri iki gihugu, amashuri, amavuriro, ibitaro, ibintu byose mbese bariya bantu nk'uko mugenzi wanjye GAHIGI yabavuze, ni abantu bita "nihilistes" ni abantu babi cyane ni ubwoko bw'abantu babi, sinzi Imanan ukuntu izadufasha kugira ngo tubatsembe; niyo mpamvu ari twe tugomba guhaguruka tugatsemba abantu babi, buriya bwoko bw'abantu babi tu... ubwoko bwita Inkotanyi, abantu ntibabyumve nabi ngo bavuge ngo ni Abatutsi, oya! Ndavuga ubwoko bwitwa Inkotanyi ko ari abantu babi, abo bantu rero bagomba gushira kuko nta kundi kundi bigomba kugenda.

Hanyuma... abo rero bo mu isoko, hari RUKARA, Marie Claire, Jeannette, Anita NZAMUKOSHA

K0210734



wo ku Gitega, Mama Rosine wo ku Kimisagara, abo turabashuhuje niba bakiri mu isoko, hum, ni ukwihangana Inkotanyi ziba zishaka yuko ubuzima bwose buhagarara ariko rero ntawubuza umuntu kubaho kuko mu by'ukuri abantu barashaka kubaho, ntabwo rero Inkotanyi zishobora kubabuza kubaho.

Hinga nsuhuze n'abakinnyi b'umupira, abakinnyi b'umupira na bo bategereza ko intambara irangira kugira ngo bongere ba... dushimishe ariko Inkotanyi na zo zikavuga ziti "nta byishimo dushaka, muragapfa muragapfusha, nta na bike". Hinga nsuhuze abo bakinnyi ba Kiyovu, Patrick, Abu, KAMANZI Michel, Hussen MUNYANDEKWE, hum, HIGIRO, NDANDA, GATARAYIHA, Bébé, abo rero ni abakinnyi ba Kiyovu umuntu ashobora kubona muri uyu mujyi wa Kigali. Naho ku ruhande rwa Rayon-Sport hari Tigana, KAZANENDA, Longin, MUDEYI, SABITI, na KABEZA?

**05min00sec**

Aya! ya! ya! ya! Cya kimodoka cyarapfuye cyajyaga kiza... kizana urwagwa none cyarapfuye, uhum, Umuzayirwa wagitwaraga sinzi umenya yarigiriye muri Zayire abonye icyo yahahishaga gipfuye, (arasetse) ubwo rero nyine ni akumiro, ni akumiro rwose ariko rero abo bakinnyi mwihangane mukomere yenda tuzongera tubone imipira ku bibuga Inyenzi-Inkotanyi nitumara kuzitsemba.

Bite rero mu mujyi wa Kigali? Mu by'ukuri muri Kigali iri joro haraye agahenge uretse mu gipande cya Rwampara aho nyine Inyenzi-Inkotanyi zigerageza kwitwira urutoki ninjoro kugira ngo zirebe ko zazamu... zazamukira mu Biryogo, ariko rero inzirabwoba ziba ziri maso zigahita zizicuncumuriraho ibisasu hagasubirayo mbarwa, ubundi... Inyenzi rero na none mu by'ukuri, Inyenzi zihambira, ejo ziriwe zirwanira hariya i Nyamirambo, ziriwe zirwanira i Nyamirambo zishaka gutwara intumbi, intumbi ya... y'Umumajoro wazo wari uje hanyuma noneho yihisha mu kizu cya etaje hariya kwa Mathias, noneho ingabo z'u Rwanda niho zamwiciye, uwo Mumajoro rero Inkotanyi zaje zitabaye ngo zije kumurwanaho ariko biba iby'ubusa, ntawamenya rero niba zashoboye gutwara iyo ntumbi ariko izahaguye, izahaguye mu by'ukuri zirenze, zirenze nk'uko n'intumbi n'ubu ngubu ziki... zikiryamye, naba ziryamye naba zisinziriye naba zigize gute simbizi

K0210735



ariko, uko intumbi zitumbamye aho ee... ibyo ari byo byose urabona ko haguye abantu benshi cyane ejo gusa umunsi w'ejo ibyo ari byo byose hapfuye Inyenzi zirenga mirongo itanu, zirenga mirongo itanu.

Bariya bantu rero twaravuze tuti "nibakomeze bihambe ariko bazashira", cyakora ikintu umuntu abona ni uko Abatutsi ni abantu bazi ubwenge cyane, urabonamo intumbi z'Abahutu, z'Abahutu mu by'ukuri z'Abahutu benshi ba... bari i Byumba, biragaragara rero yuko bagenda babashyira imbere noneho bo bakigira inyuma hanyuma noneho ugasanga ni bo batwitse, harimo intumbi nyinshi z'Abahutu ubona koko yuko ari abantu bafasheho iminyago barabazana noneho hari n'abambaye sivile benshi, noneho bakabashyira imbere bati "ngaho mugende" babona bikomeye bakabaturaguritsa... nuko ubundi bakigendera. Hakomeje rero muri izo ntumbi na none kubonekamo Abagande, Abagande barangwa n'igikara, igikara gikabije n'ibitwi, n'ibitwi bishinze nk'ibyi... nk'iby'indogobe, abo bantu rero nabo barimo, abo bantu ibyo nta hantu tuzi ubwoko bw'Abanyarwanda busa gutyo, abo bantu rero biragaragara yuko ari Abaganda, abo Baganda rero na bo ni bo Inkotanyi zishyira imbere kugira ngo nyine... ba... ba... bashire, uko byagenda kose bariya bantu byanze bikunze, byanze bikunze (arakoroye) ha... bazashira, bazashira noneho abo babunzarupfu, abo bapagasi babunza urupfu n'ubwoba noneho ngo bageze, bari hafi ngo kugera i Butare, ariko rero iyo ni radiyo yo mu Bufaransa Mpuzamahanga, eh, Radiyo Mpuzamahanga y'Abafaransa abanyamakuru bayo muzi yuko bakunda kogeza Inkotanyi baziha ubutwari zidafite, ngo zafashe Kigali naho ubwo ntizarenze Umusigiti w'i Nyamirambo, ngo zafashe Kigali naho ubwontizarenze Mburabuturo, ngo zafa... mbese ni abantu bakunda kuzogeza cyane, ubwo rero batangiye gutera ubwoba Abanyabutare ngo batangire bahambire bahunge hanyuma noneho Inkotanyi zibone umwanya. Abanyabutare rero mukomere, mukomere mu bi... gwi byanyu, ibyo bisasu inye... Inyenzi-Inkotanyi zohereza bigaturika mubyikinge, mubyihishe, mubikwepe kuko hano i Kigali rwose ibyo bintu turabimenyereye, noneho Inyenzi-Inkotanyi rerozabonye ibindi bisasu noneho biturika gatatu, biturika gatatu babonye ibiturika rimwe ntacyo bitubwiye, ibiturika kabiri ntacyo bitubwiye, noneho babonye ibiturika gatatu ngo badutere ubwoba ngo bw'agatangaza ngo

K0210736



bwo... bwo guhaba, ariko urebye abantu bakuru twe nta kibazo gusa abo bagome ntabwo babona ko abana, abana baturikirwa n'ibyo bintu byabakuye umutima ee... iyo ubarebye mbese uri *psychologue* ukareba abana usanga abana ari *traumatisés*, sinzi rero abantu koko bakura umutima abana, impinja, abantu bibasira abana kugira ngo abo bana bazakomeze bakure ari ibikange, bikanga amasasu abo bantu nyine bateye ubwoba, ikibabaje ni uko mu maradiyo mpuzamahanga bata... gerageza kwamagana ibyo bintu, nko kurasa mu isoko, gukura abana imitima ubarasaho ibintu bya bombe uzana ibintu bituri... bituragurika kenshi kugira ngo bate umutwe, ndakeka yuko ibyo bintu bikomeye.

Uko byagenda kose, nta cyo twizera ku... ku miryango mpuzamahanga, mushikame, muhaguruke mushikame turwane, turwane n'Inkotanyi, turwane n'amabuye, turwanishe n'imihoro turwanishe n'amacumu, dufate ibikoresho byose dushoboye turwanye abo bagome, naho ubundi abo bagome bazaturoha mu Kivu batumare, nta kindi rero kindi cyabashobora uretse ko duhaguruka tukarwana kuko bigaragara yuko Abafaransa si bo bazadufasha abo bagome mu gihe badatinyuka no kuvuga yuko gu... kurasa mu isoko ari icyaha, abo bagome rero ni twe tugomba kubirwaniriza, ni yo mpamvu mukwiye kureka kujenjeka, abakeka yuko ee... Inkotanyi ari abantu bashobora kubana n'abandi byararangiye, abakeka yuko Inkotanyi zizahagarika imirwano vuba aha abo ni ukwibeshya kuko bakoze ubugome bukabije ku buryo bavuga bati "tugomba kubigeza ku mwisho". Umwisho rero w'ubugome ni uko aba atsembye abo yanga, ntabwo rero dushobora kwemera ko bariya bagizi ba nabi badutsemba dukanuye, ni uguhagarara tukabarwanya.

**10min04sec**

Ariko se mama noneho za Nkotanyi zantelefonaga zagiye he? Hein! Aa... zigomba kuba zarashize, zigomba kuba zarashize, hinga twiririmbire "il chante,"Muze twishime nshuti, Inkotanyi zashize, muze twishime nshuti yewe Imana ntirenganya..."! Imana ntirenganya koko, bariya bagizibanabi biriya byihebe byanze bikunze bizashira, jyewe nabonye intumbi ziryamye hariya i Nyamirambo ku munsi w'ejo gusa zaje kurwana ku Mumajoro wabo wapfuye, hanyuma hari n'Inkotanyi zagiye

zihambira mu nzu ya Mathias zigumamo ziyoberwa ahantu zisohokera none zirimo ku buryo zirimo ziricwa n'inzara, izindi zarahiye ariko rero ukuntu ari... ari abantu rwose bafite ubugome mu maraso, n'iyo Nkotanyi yahiye iraza n'ubwo isa n'igihirimvi igapfa guhagarara ku mbunda pa pa pa pa nuko ubwo ikongera igasubira kwivura sinzi ibintu yivuza ariko zarahiye zarashize ariko ziranga zikongera zigakandagira ku mbunda zikarasa, mu by'ukuri bariya bantu sinzi ukuntu bameze, sinzi ukuntu bameze iyo ubirebye umuntu aravuga ati, iyo umuntu abirebye aravuga ati "aba bantu, ni bwoko ki"? Cyakoze hinga dukomeze gusa dukenyere tubamare, abana n'abuzukuru n'abuzukuruza bacu ntibazumve na rimwe ikintu bita Inkotanyi.

Mu mahanga bite? Mu mahanga baravuga iki? Mu mahanga rero bakomeje nyine gutera ubwoba abategetsi b'u Rwanda, gutera ubwoba ingabo z'u Rwanda ngo bagiye gushyiraho ngo "Urukiko" ngo Mpuzam ahanga ngo ruca imanza ngo yuko ngo hari abantu bapfuye mu Rwanda. Ibyo ari byo byose ibyo ntawe bikwiye gutesha igihe, mu Burundi muri mirongo irindwi na kabiri ntihapfuye abahutu bake ii... ONU ntabwo oo... ONU icyo gihe yariho, ejo bundi ba NDADAYE ba nde ya nde n'abandi bantu b'inzira karengane barapokeya bashwe n'Abatutsi nta cyo bavuze, mu Bugande MUSEVENI abantu yishe ntibagira ingano, urwo Rukiko rwavuze, ku Rwanda rero sinkeka yuko, kuri Bosnie nta cyo rwavuze, ku Rwanda rero ntabwo ruzagira icyo ruvuga cyadutera ubwoba, dukomeze twikorere ibyacu, dukomeze twikorere imirimo yacu turwane n'Inyenzi-Inkotanyi zashoje urugamba zikaba zimaze kwica abantu barenga miliyoni. Ubwo rero ndakeka yuko ibyo bintu nyine ni ibintu by'iterabwoba by'Inyenzi-Inkotanyi. **12min06sec**

Hanyuma... MITTERRAND, Président MITTERRAND w'Ubufaransa ejo yabonanye n'icyihebe MUSEVENI, ariko nk'uko mwabyumvise bamubajije bati "ese intwaro ko zinyura iwawe uha Inkotanyi"? Ngo "reka reka" ngo "ni Abatutsi bo mu mahanga" ngo "bazizana" ngo "ntabwo ari jye", zikanyura he? Ngo "ashwi "banyamakuru" ngo "mumbabarire", nu... murumva rero amabanga nyine ya MUSEVENI, ibyo ari byo byose ntawabeshya turamuzi, cyakora yapfuye kubeshya MITTERRAND ngo... "aremera yuko hazaba inama yo... ihuje ibihugu", ariko rero ibyo byose...

ntacyo bivuze kuko inama nyinshi MUSEVENI yagiyemo, inyinshi akaba arimo asinzira, inyinshi akaba arimo agira ate, nta kintu umuntu ashobora kuzitegaho, MUSEVENI n'Inyenzi barapatanye, MUSEVENI arashaka gutegeka aka ga... ce ko muri Afurika yo hagati, nta kintu rero dushobora kumwizeraho cyakora yabeshye MITTERRAND n'iyo nama niba tuzi ko nta cyo izageraho kuko hagiye haba inama nyinshi MUSEVENI yari arimo, kandi ntibyamubujije gufasha Inkotanyi ku buryo bukomeye ku buryo iyo ubona Inkotanyi aho zigenda, ibyo zikoresha, ibyo zigira gute, ni MUSEVENI ubiziha kuko n'ubwo Abatutsi baba benshi ku isi ntabwo babona za miliyari na miliyari zagiye kuri iyi ntambara, ntibishoboka ubwo rero birumvikana yuko MUSEVENI nyine kubeshya MITTERRAND ntawakwemera ibye n'umwe ubaho.

Président MITTERRAND ariko mu Bufaransa, hari ikintu yavuze cyiza cyane, Inyenzi-Inkotanyi ni uko kuzihanura ari nko gutokora ifuku naho ubundi yari yazibwiye ikintu cyiza, yazibwiye aa... hari ikinyamakuru cyo muri Afurika y'epfo kubera ko ari am... ariho MITTERAND azajya muri iyi minsi, yazibwi... ye abantu rero bamubajije bati "ese", bati "urabona yuko *Front patriotique* abafaransa batazayibuza gutsinda bya gisirikare kandi yari igiye kubigeraho"? Ni uko MITTERRAND arababwira ati "umva, hum! N'ubwo bariya bantu batsinda ba... ntabwo barenga cumi na batanu ku ijana, nyuma se byabamarira iki"? Mu by'ukuri rero uretse nyine yuko hari abakemera yuko Inkotanyi zishobora gutsinda, ariko mu by'ukuri ntabwo zishobora gutsinda gisirikare, n'ubwo kugenda zijya za Gitarama ni ukugira ngo zibone ibyo zisahurira zijyane mu Bugande, zijya za Butare ni ukugira ngo zibone ibyo zisahurira zijyane mu Bugande zijya hehe, mbese ni abajura ni ibisambo, nta... gutsinda gisirikare se batsinda gisirikare gute? N'ibice bya karacinikovu? Na biriya bibuye ngo ni ibisasu by'ibisazirwa? Ntabwo bishoboka! Biriya bisasu by'ibicurano bya *fer à béton*, iki byose ibyo ni byo byatsinda, koko Inkotanyi irapfa, Inkotanyi ifite umubiri, none se Inkotanyi ifite karacinikokovu irimo amasasu na we ukubite... ukaba ufite amasasu koko yagutsinda gute? Nkanswe rero bariya bantu bake cyane, cumi ku ijana sinzi ukuntu bashobora gutsinda mirongo cyenda ku ijana, iyo mirongo cyenda ku ijana kereka ari ibigwari bitabaho, kereka ari abantu bemera kwiyahura gusa nk'aho batagira ubwenge, ntabwo rero byashoboka ahubwo gusa

K0210739



hinga dushake ibikoresho kandi vuba hanyuma noneho dukizeho uriya mwanda witwa "Inkotanyi" utuvire mu gihugu.Inkotanyi rero ntizishobora gutsinda gisirikare, n'iyo zanatsinda gisirikare biramutse bivuye hehe? N'i... byo bita "*miracles*" ari ibitangaza, na none basigara ari icumi ku ijana, simbona rero ukuntu iryo cumi ku ijana ryatsinda gisirikare ngo rigire ikintu rigeraho, rigire icyo zitete... zitegeka muri iyi demokarasi twimirije imbere.

Mu Burundi rero naho, hum, mu Brurundi biracika, mu Burundi biracika kubera ko agatsiko k'Abatutsi na none kigize kabutindi, agatsiko kari i Bujumbura n'abasirikare n'Inkotanyi mbese Inkotanyi z'i Bujumbura nazo zarakamejeje zibuza ubutegetsi bw'Abahutu gukora kandi ari bo rubanda nyamwinshi, zibuza amatora, zibuza iki mbese bigize ba kabutindi none... abaturage bararambiwe bati "ibyo ari byo byose hinga dufate intwaro, hinga dufa... dufate intwaro hanyuma turwane namwe turebe ukuntu bigomba kugenda". Ibyo ari byo byose bariya Batutsi b'i Burundi batitonze, batitonze ibyo ari byo byose urugogwe rwabagwira! Ibyo ari byo byose rero baravuga cyane cyane yuko ubu ngubu hari radiyo ivuga, iyo radiyo ikaba yitwa "rutohozangingo", ikaba rero Rutohozangingo ubwo ni nko kuvuga mbese iradiyo isesengura ibintu byose ingingo ku yindi igira ngo yumvishe abaturage yuko igihe bakihanganiye Abatutsi baba... byina hejuru yuko badashobora kubyihanganira igihe kinini. Iyo radiyo rero Rutohozangingo nyine yatangiye kubwira Abarundi ngo bahaguruke birwaneho, hanyuma... ubu ngubu ni byo barimo bagira ngo barebe yuko agasuzuguro ka ya... bariya Batutsi kuva kera kahagarara kagashira, ibyo ari byo byose nta kuntu byumvikana ku kuntu abantu rwose bangana urwara bayogoza nk'uko mu Rwanda bimeze bakayogoza igihugu, bakica bagakiza bakagira gute nk'aho rubanda nyamwinshi yo idashaka ubutegetsi, idafite ijambo. Maze rero ubwo iby'i Burundi na byo ni ukubireba tukabi... kurikiza aa... tukabikurikirira hafi tukareba aho bigana, tukareba izo Nkotanyi z'i Burundi ibyo zirimo ariko rero byose birasa n'ibyo mu Rwanda, ni agatsiko k'Abatutsi *extrémistes* bashaka ubutegetsi ku ngufu ngo bapyinagaze rubanda nyamwinshi ng'uko uko bimeze mu Burundi mu Rwanda no ku isi. **17min03sec**

Mu kanya mugenzi wanjye Ananiya aragira... arabasesengurira uko ibintu bya... bimeze ku buryo

burambuye, jye nabahaga ingingo nkeya mbese mu ncamake mu buryo bwanjye. Mukomeze mwumve RTLM radiyo yanyu yigenga ivugira i Kigali, ubu ni saa tatu zibura iminota itanu. ... niba hari icyo bavuga ku byabaye uyu munsi mu makuru yo ku isi hose. Mwaramutse Anani?

***ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie:***

Mwaramutse Kantano, u Rwanda mundial, isiganwa ry'amagare mu Bufaransa, ngizo inkuru z'ibanze zivugwa mu binyamakuru no mu maradiyo y'isi yose twumvise uyu munsi. Umunyamabanga Mukuru wa Loni, bwana Boutros GHALI yatangaje ko ngo "atewe impungenge n'imirwano ibera mu Rwanda, ikaba ikomeje gutuma abaturage benshi bahunga", ndetse ngo "bikomeje bityo, abaturage bashobora kwiyongera ku bandi benshi bahungiye mu mahugu duturanye bikaba byazakurura n'ibibazo muri ibyo bihugu duturanye". Umunyamabanga Mukuru wa Loni yavuze yuko OUA iba yaragize iyo... icyo ikora ku kibazo cy'u Rwanda ikagikora kare kandi kikagira umumaro, ariko iyo OUA ikaba ntacyo yakoze".

Na none baratubwira aho ni mu makuru y'u Rwanda, ko bamwe muri za ngabo z'Abafaransa bageze i Butare ahamaze naho kugera impunzi nyinshi cyane z'Abahutu bahunga imirwano y'Inyenzi. Uko rero ibihe bigenda bishira ni ko ukuri ku kibazo cy'u Rwanda kugenda kumenyekana. Ukuri ni uku rero intambara turwana ni iy'agatsiko k'abatutsi bashaka gufata ubutegetsi bwose bamaze gutsemba Abahutu. Nti bikiri bya bindi rero bya mbere inkotanyi zazaga zivuga ngo "mu Rwanda nta kibazo cy'amoko gihari", ndetse n'Abahutu bamwe b'abemera gato bagatangaza ko ngo "ubwoko bumwe buba mu Rwanda ari ubwoko bw'Abanyarwanda". **19min02sec**

Dukomereje na none... ku makuru avugwa ku Rwanda, Inama ya Loni Ishinzwe Umutekano yo ngo yemeye ko hashyirwaho akanama katagira aho kabogamiye kazakora iperereza ku bwicanyi bubera mu Rwanda, "*Commission d'enquête impartiale*". Ibyo rero byo kutagira aho kabogamiye, ari byo koko byaba ari byiza natwe ntawakwanga yuko baza kureba abicanyi abo ari bo kandi barazwi.

Hagatiho... hagati aho rero na none nk'uko ee twabyumvise... ku maradiyo hanze, abanzi bacu bakomeje kwikoma Radiyo yanyu, radiyo RTLM ngo irakora *propagandes* igamije kumaranisha abantu, ndetse ku bwabo ngo "iyo Radiyo yanyu, iyo Radiyo irwana intambara, iyo Radiyo yanyu ikaba igomba gufungwa, aha twakwibutsa ko bigeze no kuyirasa bakayikomeretsa bakakayikomerekereza abanyamakuru.

GAHIGI, *Rédacteur en chef* wayo turi kumwe ngira ngo iki kibazo araza kukigarukaho ku buryo burambuye kurushaho, gusa barashakuje, barasakuza muri Somaliya, basakuje muri Bosnie-Helzégovine, basakuje muri Angola, barasakuza mu Rwanda, ikigaragara gusa ni uko ibibazo, ibibazo bikemurwa na bene byo.

Président MITTERRAND w'Ubufaransa, yakiriye MUSEVENI bemeza ko hagomba guterana inama y'abakuru b'ibihugu byo muri aka karere duturiye kugira ngo barebere hamwe uko iyi ntambara yo mu Rwanda yahagarara. MUSEVENI yahakanye ko umunyamakuru yamubazaga, yahakanye rwose ko atigera aha Inyenzi intwaro. Icyo ni ikinyoma birumvikana, cyokora kandi yemeye nawe ko ingabo z'Abafaransa zaje ino aha nta we zizarwanirira ahubwo zaje zije kugoboka Abanyarwanda bari mu kangaratete. Ku kibazo umunyamakuru yabajije Perezida MITTERRAND, ko ngo "ingabo z'Abafaransa zaba zizakoma imbere Inyenzi ntizifate ubutegetsi kandi byagaragaraga ko zigiye gutsinda", MITTERRAND yashubije ati, Kantano ndumva yari yakibanyuriyemo yashubije ati "n'iyo zafata ubutegetsi izo Nyenzi ntiza... ntizabura... ntizareka kuba cumi na gatanu ku ijana ry'abaturage". Aha ngaha rero ngira ngo birumvikana uko byumvikana, twavuze incuro nyinshi ndetse tuganira n'abandi bantu, tuti... "nka kariya gatsiko nk'uwagaharira iki gihugu hara... akajya... akareba aho yigira akajya nko muri Zayire, kakigira gate"? Ntabwo rero ari cumi na batanu ku ijana nk'uko Perezida MITTERRAND yabivuze, ahubwo bari munsi ya gatanu ku ijana kuko mu by'ukuri ntabwo dukwiye kwitiranya Abatutsi bose siko bashyigikiye kariya gatsiko k'abagizi ba nabi.

**21min06sec**

Mu makuru y'u Rwanda dukomerejeho, Abanyacyangugu bagiranye ibiganiro n'abanyamakuru biganjemo abanyamahanga, babasobanurira... imiterere y'iyi ntambara. Abanyacyangugu bari bayobowe na bwana NTEZIRYAYO Siméon, ndetse ngo bateraniye... nk'uko twabibwiwe n'umunyamakuru wa Radiyo Rwanda... uri aho ngaho NDAYAMBAJE, ngo bateraniye muri Hoteli INYENYERI. Ibyo biganiro rero bigomba kuba byaragize akamaro kuko akenshi na kenshi abanyamakuru b'abanyamahanga bakunze no gutangaza... ibintu kuri iki gihugu... ku bihabera kuri iyi ntambara kandi na bo ubwabo batabyumva! Niko kuvuga ko n'abanyabwenge b'ahandi rero na cyane cyane aho ba banyamakuru baboneka nka za Gisenyi n'ahandi ndetse n'i Kigali, bakwiye kujya bakora ibiganiro nk'ibyo kugira ngo basobanure kuko na bwo ni uburyo bwo kurwana, muzi ko iyi ntambara ahanini Inyenzi zayishingiye ku magambo no ku mpuha.

Itangazo ry'Impuzamugambi... CDR, ryaso... ryasomwe twaryumvise muri Radiyo Rwanda, ryasomwe na MUGIMBA Jean Baptiste, Umunyamabanga Mukuru w'iryo shyaka. Uwo... muri iryo tangazo, (silence...) **22min05sec**

**Fin de la face A.**

**<u>FACE B</u>**

***ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie:***

**22min02sec**

(silence... 00... 22.3)

... avuga mu isoko rya Nyarugenge, yavuze... Roi Fayçal, yavuze STADE AMAHORO, ndetse avuga n'ahandi nk'i Kabale na Gisoro n'ahandi hose Abanyarwanda bagiye bashirira ku icumu bibeshye ngo bahungiye mu mahanga, ngo bahungiye mu mahu... mu bihugu by'inshuti. Muri iryo tangazo kandi, Impuzamugambi... twumvise zibutsa ko iyi Guverinoma y'Agateganyo ngo yagombye gucyura igihe, ku itariki ya cyenda nyakanga, kuvuga mu... cyumweru kimwe hari aho

kiri imbere. Bati "cyokora, ubwo... amatora ntashobora kuba" kuko bavuga yuko "Guverinoma Icyuye Igihe", ngo "hahita haba... habaho amatora bakurikije ingingo ya mirongo na kabiri y'Itegeko nshinga... yo muri mirongo urwenda na rimwe", noneho bo bakavuga "yuko amashyaka yakongera agaterana kuri ya tariki cyenda cyangwa nyu... mbere yaho gato", ngo "akareba uko ibintu byagenda". Muri iryo tangazo rero bakavuga bati "ntabwo hagombye kongera guterana ya mashyaka atanu gusa, hagombye guterana amashyaka yose yemewe mu gihugu kandi arwanirira igihugu".

Amakuru y'i Burundi Kantano nayo yari yaba... ee... yayabanyuriyemo, ibintu biragenda birushaho kuba insobe kuko ba Bahutu barwanya Abatutsi barushije... barushijeho gukaza umurego, ngira ngo rero nk'uko babita ngo "ni *les bandes armées*", abantu bameze ngo "nka... nk'abajura", ntabwo ari abajura ahubwo ni abarwanyi koko umenya bazavamo abarwanyi bashaka kubohoza igihugu cyabo. Radiyo yabo rero... Rutohozangingo nk'uko Kantano yabibabwiye, bavuze ii... umenya ari radiyo y'Abongereza yatangaje ko ngo... "ikorera mu ishyamba rya Nyungwe ikaba ikoreshwa n'Abapalipehutu" ngo "ndetse n'Abahutu ba *extrémistes* bo mu ishyaka rya FRODEBU". Aho bavuga mu ishyamba rya Nyungwe ndumva mutagira impungenge kuko nabo i Burundi hari ishyamba rya Nyungwe ririyo, ugondeshe nyine mu ishyamba rya Nyungwe ku ruhande rw'u Rwanda, ukambuka akagezi ni ishyamba rikomeza na ryo baryita irya Nyungwe, ntabwo ari Nyungwe yacu rero ni Nyungwe y'i Burundi. Cyokora... Sylvestre NTIBANTUNGANYA, président w'agateganyo uriho ubu yatangaje yuko nta ho ahuriye n'iriya Radiyo Rutohozangingo.

Muri Nijeriya Urukiko rw'Ikirenga... rwa... rwongeye Gusaba ko guverinoma itarenza ku wa mbere itarushyikirije MOSHUD Abiola watorewe kuba perezida hanyuma bakaza... kumwangira kuba we, ngo... "byagera kuri uwo wa mbere... Guverinoma itaramushyikiriza Urukiko, Guverinoma ikazaba ari yo yitaba urukiko". Aho ngaho muri Alijeriya kandi abanyenganda, abanyemari, abacuruza peteroli na gaze, bavuze ko "bagiye gutangira imyigaragambyo y'urudaca kugeza igihe MOSHUD Abiola, afunguriwe".

Mu gihugu cya Morutaniya ho haravugwa... impanuka y'indege yo mu bwoko bwa Fokeri nimero

makumyabiri n'umunani, ngo yahuye n'inkubi y'umucanga maze igahitana abantu mirongo urwenda na bane batazwi ubwenegihugu bwabo, hakarokoka abandi barindwi.

Iriya ntara ya Gaza ho twababwiraga yuko Yasser ARAFAT yahageze ejo, ubwo yahageze amaze imyaka makumyabiri n'irindwi atakandagiraga aho muri Palestine mu gihugu cy'aba... cya se na sekuru, yakirwa n'abantu rero ngo agahumbagiza yaje mu modoka yo mu bwoko bwa inaudible ngo yirabura, abantu rero bari uruvunganzoka, cyokora yatangaje icyifuzo cye kimwe n'Abanyapalestine, ngo "ko umunsi umwe nibishoboka bazajya gusengera i Yeruzalemu". Ejo rero azajya mu mujyi wa Yeriko, aho azarahiza Abaministre bagize Guverinoma ye.

Mu gihugu cya Togo, ho baratubwira... ko Ubufaransa bwemeye... kongera gufatanya n'icyo gihugu ku byerekeye ibya gisirikare ndetse no mu bya gisivile. Umubano rero wa Togo n'Ubufaransa wari wajemo agatotsi, igihe Ubufaransa bwaregaga Gnassingbé EYADEMA ko yanze kujya ku murongo wa demokarasi.

Muri Angola ho, baratubwira ko imirwano y'ejo hagati y'ingabo za Leta n'ingabo za UNITA yaba yarahitanye... abantu bo mu... abasirikare ba UNITA bageze ku ijana na mirongo inani. Ejo ni bwo batubwiraga ko ingabo za Leta na none zigaruriye umujyi wa Kwito ndetse n'umujyi wa Ma...lenge.

Muri Haïti, ejo ngo abantu bashatse guhunga bajya mu bwato hanyuma baza gukubitana... n'ubundi bwato bwa *patrouille* ya... y'abasirikare ba Haïti babarasaho, noneho Abahayiti na... ni abasirikare ba... barasaga ku baturage ngo bicamo mirongo itatu; ku buryo rero na none... Président Bill CLINTON wa Leta zunze ubumwe z'Amerika ubu yaraye ijoro n'Abajyanama be ngo bashakisha ukuntu batera icyo gihugu bakirukana Umuperezida uriho bagashyiraho Padiri Arstide. **26min00sec**

Inkuru rero navugaga na none... mu zivugwa cyane ni iya mundial, ejo hiriwe umunsi w'ikiruhuko, nyuma y'uwo munsi w'ikiruhuko rero umupira uraza gukomeza mu cyiciro cyawo cya kabiri aricyo

bita "kimwe cy'umunani", a... bafite amaradiyo bashobora kuza gukurikira... guhera saa moya umupira uri buhuze Ubudage n'Ububiligi, naho saa yine n'igice ku masaha y'ino, Ubusuwisi bukaza... guhura na Espagne bagakinira i Washington.

Ndangirije ku isiganwa ry'amagare bita *"Tour de France"* na ryo ryatangiye... ryatangiye ejo, abasiganwa rero bakazaba... bakazagenda urugendo rwa kilometero ibihumbi bine, bakazarurangiza ku itariki ya makumyabiri na kane Nyakanga ni ko kuvuga hafi uku kwezi kujya gushira. Harimo rero... aa... irabirangirire mu isiganwa ry'amagare nk'Umusuwisi witwa "DEMINGUEL", n'Umunyespanyolo witwa (inaudible). Mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananiya, reka nsubize baga... bagenzi banjye ijambo.

***ORATEUR: HABIMANA Kantano:***

Urakoze Ananiya, ndakeka yuko abantu bakurikiye kandi bagasobanukirwa, hinga mpe GAHIGI ijambo na we agire icyo atubwira ku... cyane cyane ku byerekeye ee... Radiyo RTLM abantu bakomeje kwikorera.

***ORATEUR: GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM:***

Urakoze Kantano, mbere yo kugira icyo mvuga ku byerekeye RTLM, ndagira ngo ngire icyo mvuga ku byerekeye intambara turimo. Abakurikira politike mpuzamahanga, abazi ko aka kaga turimo, iyi ntambara turimo yahitanye abantu amagana n'amagana, bazi kandi ko Perezida MUSEVENI wa Uganda abifitemo uruhare, ejo rero abakurikira politike mpuzamahanga, ejo amaso bari bayahanze i Paris mu Bufaransa bateze icyava mu mibonano Perezida MUSEVENI yagombaga kugirana na Perezida w'Ubufaransa, Fransisiko MITTERRAND. **27min04sec**

Ubwo rero, nta cyavuyemo urebye gusa nk'uko Ananiya yabikomojeho nagira ngo nibutse ko abanyamakuru babajije MUSEVENI bati "MUSEVENI ugomba kuba ufasha Inkotanyi"? MUSEVENI arahakana. Bati "ariko ibyo ari byo byose intwaro z'Inkotanyi ziva... mu Bugande,

kandi n'izo ziguze zizinyuza mu Bugande"? MUSEVENI rero aravuga ati "ibyo ntabwo ari byo", nuko... ati "kandi nta kindi nongeraho ibyo mwambajije birahagije"; wakurikira ukumva MUSEVENI asa nk'aho yikubise aka... akakubita urugi akigendera akanga ibibazo abanyamakuru bamubaza. Ntabwo byadutangaje rero twebwe dukurikiranira hafi ibya MUSEVENI Inyeshyamba, twari tuzi ko nta kizava muri iriya mishyikirano yagombaga kugirana na Perezida François MITTERRAND w'Ubufaransa.

Gusa... iyo umuntu ngo... afite icyizere ahora amaso ayahanze ikirere, ni uko rero ubwo MUSEVENI na François MITTERRAND bumvikanye ko noneho hazaba inama y'ibihugu bidukikije, Abakuru b'ibihugu bidukikije bagakora inama, ubwo ni ukuvuga... Uburundi, Zayire, Uganda, Tanzaniya ndetse bakongeraho na Kenya, ubwo rero amaso turakomeza tuyahange iyo nama izahuza Abakuru b'ibyo bihugu bidukikije hiyongeraho Kenya, turebe wenda ko habahi... icyazavamo kuko twebwe kubera akaga turimo tumeze nka ka kanyoni karitse mu mayira-abiri, noneho abagenzi bakajya bakanyuraho kakabunda mu cyari cyako, nuko kageze aho kakavuga kati "napfa, nakira simbizi"!

Ubwo rero muzi ko ejo ari bwo twizihije isabukuru y'imyaka mirongo itatu n'ibiri igihugu cyacu kibonye ubwigenge, ariko nk'uko twabivuze nta karasisi kabaye kubera nyine ko ee... turi mu ntambara kubera ko ahubwo dufate inkiko. Ubwo rero ejo nibukije amavu n'amavuko y'Inkotanyi, ariko abantu bavuga ngo hari ubwicanyi mu gihugu bakabushyira ku ruhande rumwe, twebwe kuri RTLM twakunze kuvuga ko ari intambara yatangiye kuva kera, intambara y'Abahutu n'Abatutsi barwaniye ubutegetsi, twabivuze kuva kera ahubwo ejo nibagiwe kwibutsa ko tariki makumyabiri n'umunani z'ukwezi kwa mbere muri mirongo itandatu na rimwe, ari bwo bavuze ko habaye *Coup d'Etat* y'i Gitarama, ariko abazi politike bakabona ko atari *Coup d'Etat,* kuko icyo gihe ababurugumestre n'abakonseye batowe ari bo nyine bagiye i Gitarama noneho bakavuga ko bavanyeho ubuhake, bakavuga ko bavanyeho Kalinga, bavuga ko noneho Ubwami buvuyeho ahubwo ha... baye ubutegetsi bwa Repubulika, ndetse bakerekana ibendera ry'igihugu barangiza bakabimenyesha ONU. Urebye ni yo mavu n'amavuko y'iyo ntambara turimo, kuko ubwo... abo

K0210747



batowe... ba burugumestre n'abakonseye bamaze kuvanaho ubuhake, kalinga bagashyiraho Repubulika bagashyiraho n'ibendera, bahise bamenyesha loni noneho ubwo... abatsimbaraye ku Ngoma ya gihake na ya... na Cyami, ni bwo rero bo bareze muri ONU bati "habaye *Coup d'Etat*", mbabwire ko nta *Coup d'Etat* ikorwa n'abantu batowe, ubundi *Coup d'Etat* nyine ni umuntu utaratowe agira ati... agira atya agafata ubutegetsi bwariho, ntabwo rero abantu batowe bashobora gukora *Coup d'Etat* ahubwo nyine habaye guhinduka k'ubutegetsi. Ubwo rero nyine... abatsimbaraye ku Ngoma ya Cyami nibwo bareze muri ONU bati "Abahutu bafashe ubutegetsi", hanyuma... ONU rero nibwo yashyizeho KAMARAMPAKA, icyo bise *"Referendum"* yabaye tariki makumyabiri n'eshanu z'ukwezi kwa cyenda muri mirongo itandatu na rimwe. Ubwo rero twabonye ubwigenge tariki ya mbere z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo itandatu na kabiri, Repubulika yaravutse mbere. Ndagira ngo nk'abato batabyibuka tuba... tubibutse kuko ntabwo wakumva imizi, amavu n'amavuko y'iyi ntambara utibutse nyine uko Abahutu bafashe ubutegetsi ndetse wakomeza ugana kure, tuka... vuga *manifeste* y'abahutu yo muri mirongo itanu na karindwi kugira ngo rero umuntu yumve ukuntu iyi ntambara iteye, agomba kujya yibuka nyine... ayo mateka y'igihugu.

**30min06sec**

Tukagira ngo rero twa... ejo twarabivuze tubabwira ko repubulika yavuka twizihizaga ejo nyine... imyaka mirongo itatu n'ibiri, kuva rero yavuka abahunze, abatsimbaraye nyine kuri iyo Ngoma... ya Cyami twababwiye ni bo rero bakoze Umutwe w'Inyenzi, Umutwe w'Inyenzi wateye repubulika ikiri ntoya kugeza n'ubu akaba ariwo noneho wiyise Inkotanyi. Ubwo rero umuntu wese uu... wese ukunda repubulika Inkotanyi zamurwanya, Inyenzi zamurwanyije kuva repubulika yashingwa nta gitangaza rero kirimo kuri twebwe, kumva abantu bashyigikiye Inyenzi bacicikana mu mahanga bakagera muri ONU bati "muhagarike RTLM". Gusa icyo nagira ngo mvuge, ni uko iyo... icyo cyemezo cy'Inama Ishinzwe Umutekano ku isi y'Umuryango w'abibumbye, icyemezo cya magana cyenda mirongo itatu na gatanu cyafashwe kivuga ibintu bibiri. Kiravuga kiti "tuzacira imanza abantu bagize ee... bagize uruhare mu bikorwa by'ubwicanyi" kandi bakavuga ko "RTLM nayo ngo yabigizemo uruhare ngo kuko yateranije amoko" ngo kandi ngo "ikikoma... MINUAR". **31min06sec**

Tukagira ngo rero twibutse ko RTLM na rimwe ntabwo yigeze iteranya amoko mbivuge mbisubiremo, RTLM ntabwo yigeze na rimwe iteranya Abahutu n'Abatutsi, ahubwo kuko ari radiyo ivugisha ukuri, ikibazo cyari kiri... kigaragara cyari gikomeye muri iki gihugu kandi n'ubu kikidukomereye, ni uko hari ikibazo koko hagati y'Abahutu n'Abatutsi barwanira ubutegetsi kandi tubabwiye ko ubwo butegetsi kuburwanira bitari ubu gusa muri mirongo cyenda na gatatu cyangwa na kane kuko RTLM yavutse muri mirongo cyenda na gatatu ukwezi kwa karindwi, ntabwo rero RTLM ari yo yavuze ko Abahutu n'Abatutsi barwaniye ubutegetsi guhera icyo gihe yavukiye, ahubwo ni ibintu bya kera biri mu mateka y'Abahutu n'Abatutsi mbere y'uko umuzungu agera ino aha n'igihe yari ahari na nyuma twagiye... bona ubwigenge. Ngira ngo mu magambo make nabanyuriyemo uko icyo kibazo cyagiye kigenda. Tukumva rero noneho ubwo ikibazo cyagiye ahagaragara cyabaye nk'ubuye ryagaregaye ritakishe isuka, RTLM siyo yonyine yavuze kuri icyo kibazo ngira ngo ubu ngubu iyo ufunguye amaradiyo yo ku isi yose avuga ku ntambara y'u Rwanda kandi akagusha ko ari intambara ishingiye ku moko Abahutu n'Abatutsi. Ntabwo rero RTLM ari yo yonyine ivuga kuri icyo kibazo cy'abahutu n'Abatutsi barwanira ubutegetsi, ahubwo ni amaradiyo yo ku isi yose abivuga.

Jyewe rero icyo nagira ngo mvuge kigaragara, nakwibutsa umugani Abalatini baciye bati "nullan judex in propria causa", ni ukuvuga ko nta muntu uba umucamanza mu rubanza rwe, rwe bwite. Twumva rero rubanda... dukorera kandi badushima, guverinoma dukorera kandi dushima, urugamba turiho turwana, abo rero turwanirira rubanda, guverinoma ari bo bakwiye guhaguruka noneho bakagira koko icyo bavuga kuri icyo cyemezo magana cyenda mirongo itatu na gatanu cy'inama ishinzwe umutekano. Icyo cyemezo kikaba cyaravuye cyane cyane ku gashami k'Umuryango w'abibumbye gashinzwe Uburenganzira bw'ikiremwa muntu: *Droit de l'homme*. Muzi rero abo bantu bashinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwa Muntu abo ari bo, muzi ababamunze abo ari bo, muzi ankete bakoresheje muri iki gihugu izo ari zo icyo zatanze, mwumvise ko bongera bakashyiraho noneho ko iyi radiyo yacu yikomye MINUAR, ubwo rero kwikoma MINUAR muzi ko ubwo ari

DALLAIRE uri inyuma uri mu kwaha, usunika, wenyegeza, ubwo rero "nullan judex in propria causa" nta muntu uba umucamanza mu rubanza rwe, rwe bwite, tukumva rero rubanda, guverinoma, ndetse n'inshuti zose za RTLM ziri mu mahanga ari zo zikwiye guhaguruka noneho zikatuvuganira koko zikemeza ko twebwe tutigeze duteranya amoko, kandi na MINUAR bavuga ntabwo twigeze tuyikoma ahubwo twavuze imikorere mibi ya DALLAIRE, noneho koko niba DALLAIRE atarakoze nabi nabyerekane, ariko twebwe tuzi ko yakoze nabi kandi ibikorwa twavishyize ahagaragara twerekana ko atashoboye kuba Umujenerali koko ushyira disipuline mu ngaboze dutanga ingero twerekana ko akazi kamunaniye kuko ankete z'ubwicanyi bwabaye muri iki gihugu yari ashinzwe, nta n'imwe yashyize ahagaragara, ibyo rero tukemera ko noneho ubwo tudashobora kuba umucamanza mu rubanza rwacu bwite, rubanda... n'inshuti ari bo bakwiye guhaguruka bagahagarara bakatuvuganira mu gihugu no mu mahanga. Kandi tukumva ko twebwe dukurikije n'ubucamanza uko bumeze, ubundi ngo... abagize uruhare ngo bagomba gucirwa urubanza RTLM n'iyo yagira uruhare, iki gihugu cyacu gufite ubucamanza nibaducire urubanza mu gihugu cyacu bemeze koko ko turi abantu babi twebwe tubyemere, ariko kuvuga ngo tuzacirwa urubanza n'amahanga twebwe ntabwo tuzabyemera.

**35min03sec**

Ikindi nababwiye ko intambara ari akaga, ko rero mu mpande zombi koko abantu bicanye, nkagira ngo rero mbabwire ko noneho hameneka amaraso kurushaho kandi hakameneka amaraso y'abantu b'ingenzi igihe... kiriya cyemezo magana cyenda mironngo itatu na gatanu cy'Inama ishinzwe umutekano y'Umuryango w'abibumbye ONU, cyashyirwa mu bikorwa kuko icyo gihe bavuga bati "iliste y'abicanyi ni iyi ngiyi". Iyo liste yakorwa na nde? Ndetse mwumvise ke... ko uwitwa "René SEGUY yamaze kuyikora ariko atarabona ibimenyetso. Iyo liste rero yakorwa n'Inkotanyi noneho bagatangira bakadushombamo Abahutu b'ingenzi, bagatangira bakadushombamo Abahutu b'intwari noneho ukumva ngo ni bo bagize uruhare mu bikorwa by'ubwicanyi, ugasanga babamariye ku icumu.

Nkagira ngo rero ikintu cyatuma ibyo bintu bitaba ni ikintu kimwe gusa, ni uko twarwana

n'Inkotanyi tugaramye ntizidutsinde noneho n'izo manza ntizibe, ubwo rero icyo mbona ni ukurwana tugaramye noneho Inkotanyi ntizidutsinde tukaburizamo rero iyo migambi yazo yo kunyuza ibitekerezo byazo mu... mu manama nk'ariya ya ONU, hanyuma... tugakomeza rero tugahatana kuko twebwe nidutsindwa koko bazaducira urubanza ariko nidutsinda ntawe uzaruducira, ntabwo bizaba bibaye ubwa mbere icyemezo cy'inama y'umuryango w'abibumbye kitajya mu bikorwa kuko hari henshi byabaye nk'uko Ananiya yabibabwiye. Ni ukurwana rero tugaramye tukaburizamo icyo cyemezo kandi nshuti za RTLM mugahaguruka akaba ari mwe mutuburanira kuko burya iyo wiburanira akenshi usanga atari byo, ntabwo rero nta muntu w'umucamanza mu rubanza rwe. Kantano tugusubije ijambo.

**36min07sec**

***ORATEUR: HABIMANA Kantano:***

... urakoze Ananiya, abatwumva mukomeze mugire umunsi mwiza. (Musique...)
Ee... radiyo yanyu yigenga ivugira hano i Kigali..., radiyo simpha..., radiyo cent six ivugira ku mirongo y'ijana na gatandatu na mirongo cyenda na kane, kuramba ni ukuramuka bavandimwwe, abatwumva mwese aho mutwumvira hose, radiyo yanyu radiyo RTLM irabashuhuje mwese mukomere mwihangane mu bihe bikomeye, mu bihe bikomeye... ibyo ari byose ni ukwikomeza umuntu agakomera si igihe cyo kurira, si igihe cyo kuganya si igihe cyo gutaka cyane cyane iyo umwanzi ukugarije cyangwa ugushyize mu byago ari umugome, umugome uteye ubwoba nk'Inyenzi-Inkotanyi.

Mukomere rero mwihangane aho muri hose ari abari m Rwanda hagati, ari abari muri *blindés*, ari abari, ari abari iwabo, ari abari muri... mu bihugu bidukikije mwese mwese kuri iki cyumweru tariki ya gatatu y'ukwa karindwi mirongo cyenda na kane, turabatekerezaho mwese tura... bashuhuje. Muri iki gitondo rero muri kumwe na HABIMANA Kantano, hanyuma na NTEZIMANA Jean kuri technique kugeza saa sita rero ni... turabagezaho umuziki n'ibiganiro bi... shyushye.

K0210751



N'iri joro rero na ryo ryakeye hano i Kigali, ryakeye hano i Kigali ariko bene Kagome, bene Kagome bene MUSEVENI Inyenzi-Inkotanyi zikomeje kutwoherezaho ibisasu bitubutse binini cyane bya kirimbuzi, ariko rero mu by'ukuri urebye turabimenyereye, turabimenyereye kuko burya ngo akabi kamenyerwa nk'akeza, ibyo bisasu abana byabakuye imitima bigeze aho bakajya barabiseka, abantu byabakuye imitima bigeze aho barabikwepa abo bihitanye bikabahitana ariko ari uko bagejeje ku munsi, cyakora rero twamenye yuko Majoro Pahulo Kagome yatanze itegeko ko mbere y'itariki ya gatanu z'ukwa karindwi mirongo cyenda na kane bagomba kuba Inyenzi zigomba kuba zafashe Kigali byananirana byibuze, byibuze bakaba bamazemo Abahutu bose bayituyemo.

**38min06sec**

Ibyo byihebe rero by'Abatutsi ni ha handi birakorera ubusa ntacyo bizageraho, ntibizafata Kigali kandi nta n'ubwo bizica Abahutu bose barimo uretse abazaba bagejeje ku munsi. Bazica bice bice ariko nta muntu wica utagejeje ku munsi ibyo birazwi n'Abanyamerika batera bombe atomique barabibonye yuko n'i Nagasaki na Iyeroshima hari abagiye bavumbuka mu mukungugu wa bombe atomique. Biriya bisasu rero by'ibisazirwa bakuburiwe n'Aba... biligi ntacyo biteze kuzatubwira, bazabitere babitere ariko nabyo bizashyira bibashirane bahekenye amenyo bayamarire mu nda.

Hagati aho Shefu w'Inyenzi MUSEVENI, ingirwa Perezida wa Uganda nyine yategetse bariya bapagasi be bacuruza urupfu n'ubwoba kujya i Butare gusenya *Musée* huum! Ngo byatwibutsaga Ingoma mbi ya Cyami Ntutsi yibagirane, ariko rero ndakeka ko Abanyabutare bahagaze neza, ubwo kandi icyo gihe nyine banahitane na Kaminuza n'Ibitaro byayo byubatswe n'Ababiligi, maze u Rwanda MUSEVENI abe ararutegetse nyuma ngo nihashaka habe a... habe *cesser-le-feu*, arabeshyera ubusa Imana y'i Rwanda, ingabo z'u Rwanda n'abaturage bahagaze bwumwa, ndakeka yuko abanyeshuri bonyine bo muri Kaminuza barenga igihumbi, buri muntu acukuye umwobo abandi bakajya muri *étage* na hariya muri iriya tanki y'amazi, buri muntu wese na grenade ndakeka yuko Inyenzi-Inkotanyi zitabavogerera ikigo. Ndakeka rero yuko Imana y'i Rwanda, abaturage b'u Rwanda, ingabo z'u Rwanda bose bahagaze neza, kandi yuko izo ngegera nta kintu zizakora. Naho

K0210752



rero abanyamahanga nyine, abanyamahanga b'abambari b'Inkotanyi barakomeza kuzogeza bazitiza ubutwari n'ubuhanga zitagira, iyo bumvise abo bambari b'Inyenzi bazisingiza mu bugome bwazo wagira ngo kuva izo ngegera zatangira kudu... kudu... kutudurumbanyiriza igihugu haba muri mirongo cyenda, n'ejo bundi mu kwezi kwa kane mu gihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, wagira ngo hose hose nta ngorane zo zigira icyazo ngo ni ugusonga mbele, mbele... gusa... nta ngorane Inkotanyi zigira nta yo ipfa nta ki, nyamara ntibibuke imirwano ya Mburabuturo, iyo iza kuba... imirwano yabereye mu Bufaransa cyangwa mu kindi gihugu cyo muri Amerika yari kuzandikwa mu mateka nyamara barayihoreye nyamara habe no kuvuga n'Inyenzi zahahiriye n'izapfuye, ariko rero... nibakomeze bazogeze ntacyo bitwaye bakomeze bazogeze, bazogeze zishire ndakeka yuko amagambo, amagambo y'abanyamakuru, ntabwo ari yo azazizura kuko niba ari ugushira mu by'ukuri Inyenzi zarashize; kuko se... tuvuge ko Inyenzi yenda kuva zatera zubura imirwa... zatera u Rwanda mu gihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda, ubu hamaze gupfa aba... sore b'Abatutsi bangana iki? Niba ari na... n'ibihumbi bitanu huum! Ni akayabo, ku bwoko butagizwe n'abantu bagera kuri miliyoni ufashe abo mu gihugu n'abo hanze.

**41min04sec**

Ibyo rero aa... ibyo biragaragaza ko n'ingufu bizera mu gihe kiri imbere barimwo bazica, kuko nko mu bihugu mu minsi iri imbere zizashirana na MUSEVENI hasiga... basigare ari ba nyamwigendaho, icyo gihe ni bwo bazaryozwa noneho neza ibibi byose bakoreye uru Rwanda n'Abanyarwanda. Ese ariko nk'ubu Inkotanyi nzibaze nk'ubu MUSEVENI apfuye kandi ko bishoboka, Inyenzi zajya he? Mu bihugu bidukikije impunzi zisigaye ni abasaza n'abakecuru kuko kuva ku musore n'inkumi y'imyaka cumi n'ine bose baza gufumbira urutoki rwo mu Rwanda.

**42min00sec**

**Fin de la cassette.**